<p><u>Icyiciro cya 3: Uburyo bwo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa</u></p> <p><u>Ingingo ya 12: Kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa</u></p> <p>Umusoreshwa urebwa n’umusoro ku mutungo utimukanwa yishyura umusoro wabazwe bitarenze itariki ntarengwa igenwa n’itegeko hakurikijwe uburyo bugenwa n’urwego rusoresha.</p> <p>Iyo umusoro ku mutungo utimukanwa ugomba gutangwa ku nyubako, umusoro wishyurwa gusa ku nyubako yuzuye kandi utangira kubarwa uherye igihe iyo nyubako yuzuriye.</p> <p>Muri iri teka, inyubako yuzuye ni iyatangiwe uruhushya rwo gukoreshwa icyo yagenewe cyangwa iyatangiye gukoreshwa mbere y’uko uruhushya rutangwa.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa mu byiciro</u></p> <p>Umusoreshwa yemerewe kwishyura umusoro mu byiciro bitarenze bitandatu (6), mu gihe cy’umwaka usororeshwa, akurikije ubushobozi bwe.</p> <p>Icyakora, iyo umusoreshwa ashaka kwishyura mu byiciro yararengeje itariki ntarengwa yo kwishyura umusoro, agomba kwandikira urwego rusoresha abisaba kandi agatanga impamvu zatumye atishyura ku gihe.</p> <p>Urwego rusoresha rumusubiza mu minsi cumi n’itanu (15) ikurikira itariki rwakiriyeho ubusabe.</p>	<p><u>Section 3: Immovable property tax payment modalities</u></p> <p><u>Article 12: Immovable property tax payment</u></p> <p>A taxpayer of the immovable property tax pays the tax assessed not later than the deadline set forth by the law in conformity with the modalities set forth by the tax administration.</p> <p>If the tax is related to a building, the tax is paid only on an accomplished building and is calculated from the date of accomplishment of that building.</p> <p>In this Order, accomplished building is a building for which an occupation permit was issued or a building in use before the delivery of the permit.</p> <p><u>Article 13: Instalment payment of immovable property tax</u></p> <p>A taxpayer is allowed to pay tax in instalments not exceeding six (6) during the tax period, depending on his or her capacity.</p> <p>However, if the taxpayer requests for paying in instalments after the deadline of paying taxes, he or she must address the request, in writing, to the tax administration and provides reasons that led to failure to pay on time.</p> <p>The tax administration responds within fifteen (15) days from the day of receipt of the request. If the</p>	<p><u>Section 3: Modalités de paiement de l’impôt sur les biens immobiliers</u></p> <p><u>Article 12: Paiement de l’impôt sur les biens immobiliers</u></p> <p>Le contribuable de l’impôt sur un bien immobilier paie l’impôt imposé au plus tard à l’échéance fixée par la loi conformément aux modalités fixées par l’administration fiscale.</p> <p>Lorsque l’impôt est lié au bâtiment, l’impôt est payé uniquement sur un bâtiment achevé et il est calculé à partir de la date d’accomplissement de ce bâtiment.</p> <p>Dans le présent arrêté, un bâtiment achevé est celui pour lequel un permis d’occupation a été actroyé ou un bâtiment qui est utilisé avant l’octroi du permis.</p> <p><u>Article 13: Paiement en tranches de l’impôt sur les biens immobiliers</u></p> <p>Le contribuable est autorisé à payer l’impôt par tranches ne dépassant pas six (6) pendant l’exercice fiscal, selon sa capacité.</p> <p>Toutefois, lorsque le contribuable demande un paiement par tranches après l’échéance de paiement de l’impôt, il doit adresser la demande à l’administration fiscale en indiquant les raisons pour lesquelles il n’a pas payé à temps.</p> <p>L’administration fiscale répond endéans quinze (15) jours suivant la réception de la demande. Lorsque l’administration fiscale ne répond pas</p>
--	---	--

<p>Iyo urwego rusoresha rutamusubije muri icyo gihe, ibyo yasabye bifatwa nk'ibyemewe.</p> <p>Iyo ubusabe buvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo bwemewe, umusoreshwa akorana amasezerano n'urwego rusoresha. Amasezerano agaragaza uburyo bwo kwishyura. Umusoreshwa ashobora no gushyiraho ingwate y'umwenda.</p> <p>UMUTWE WA III: UBURYO BW'ISORESHA BUKURIKIZWA MU KWAKIRA UMUSORO W'IPATANTI</p> <p><u>Ingingo ya 14: Imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusoro w'ipatanti</u></p> <p>Umusoreshwa urebwa n'umusoro w'ipatanti akora imenyekanisha akanishyura umusoro wabazwe bitarenze itariki ntarengwa igenwa n'itegeko hakurikijwe uburyo bugenwa n'urwego rusoresha.</p> <p>Icyakora, iyo igikorwa cy'ubucuruzi gitangiye, umusoreshwa amenyekanisha kandi akishyura umusoro w'ipatanti mu minsi mironko itatu (30) ikurikira itangira ry'icyo gikorwa.</p> <p>Ba nyir'ibigo by'ubucuruzi bito cyangwa biciriritse mu bisonewe umusoro w'ipatanti mu myaka ibiri (2) ya mbere ikurikira ishyingwa ryabyo, bamenyekanisha kandi bakishyura umusoro w'ipatanti mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ikurikira irangira ry'iyi myaka ibiri (2). Umusoro wishyurwa hakurikijwe igihe gisigaye kugira ngo umwaka w'umusoro urangire.</p>	<p>tax administration fails to respond within that period, the request is considered as accepted.</p> <p>If the request referred to in Paragraph 2 of this Article is accepted, the taxpayer signs a contract with the tax administration. The contract determines modalities for payment. The taxpayer may provide a security.</p> <p>CHAPTER III: TAX PROCEDURES APPLICABLE TO COLLECTION OF TRADING LICENCE TAX</p> <p><u>Article 14: Declaration and payment of trading licence tax</u></p> <p>A taxpayer of the trading licence tax declares and pays the tax assessed not later than the deadline set forth by the law in accordance with modalities set by the tax administration.</p> <p>However, if the business activity starts, the taxpayer files the tax declaration and pays the trading licence tax within thirty (30) days following the commencement of this activity.</p> <p>Owners of small or medium enterprises exempted from trading licence tax during the first two (2) years following their establishment, declare and pay the trading licence tax within seven (7) days following the expiration of the two (2) year period. The payment is done in accordance with the remaining period of the tax period.</p>	<p>pendant cette période, la demande est considérée comme acceptée.</p> <p>Lorsque la demande visée à l'alinéa 2 du présent article est acceptée, le contribuable signe un contrat avec l'administration fiscale. Le contrat indique les modalités de paiement. Il peut aussi donner une garantie.</p> <p>CHAPITRE III: PROCÉDURES FISCALES APPLICABLES À LA COLLECTE DU DROIT DE PATENTE</p> <p><u>Article 14: Déclaration et paiement de l'impôt du droit de patente</u></p> <p>Le contribuable du droit de patente déclare et paie l'impôt évalué au plus tard à l'échéance fixée par la loi conformément aux modalités fixées par l'administration fiscale.</p> <p>Toutefois, si l'activité commerciale commence, le contribuable dépose la déclaration et paie le droit de patente endéans trente (30) jours suivant le début de cette activité.</p> <p>Les propriétaires des petites ou moyennes entreprises exonérées du droit de patente au cours des deux (2) premières années suivant leur mise en place, déclarent et paient le droit de patente endéans sept (7) jours suivant l'expiration de la période de deux (2) ans. Le paiement se fait au prorata de la période restante de l'exercice fiscal.</p>
---	--	--

<p>Imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusoro bikorwa kuri buri hantu hakorerwa igikorwa cy'ubucuruzi, uretse ububiko bw'umusoreshwa budakorerwamo ikindi gikorwa cyangwa ibikorwa nyunganzizi by'igikorwa cy'ubucuruzi cy'iremezo cy'umusoreshwa.</p>	<p>The tax declaration and payment are effected in respect of each premise where a business is carried except the warehouse of the taxpayer from where no other incidental activities to the main business activity of the taxpayer are carried out.</p>	<p>La déclaration et le paiement du droit de patente sont requis pour chacun des locaux où l'activité commerciale est menée, à l'exception des locaux utilisés uniquement pour le stockage ou d'autres fins qui sont accessoires à l'exercice de l'activité commerciale principale du contribuable.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Guhagarika ibikorwa bibyara nyungu</u></p>	<p><u>Article 15: Termination of profit-oriented activities</u></p>	<p><u>Article 15: Arrêt des activités lucratives</u></p>
<p>Iyo umusoreshwa ahagaritse cyangwa ahinduye igikorwa gisoreshwa, abimenyeshya, mu nyandiko, urwego rusoresha mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye igihe igikorwa gisoreshwa cyahagaze cyangwa cyahinduwe.</p>	<p>If a taxpayer suspends or changes his or her taxable activity, he or she notifies the tax administration in writing within fifteen (15) working days from the date of suspension or change of the taxable activity.</p>	<p>Lorsqu'un contribuable met fin ou change son activité imposable, il notifie à l'administration fiscale par écrit endéans quinze (15) jours ouvrables suivant la date de l'arrêt ou du changement d'activité imposable.</p>
<p>Iyo umusoro w'ipatanti wamaze gutangwa, urwego rusoresha rusubiza umusoreshwa amafaranga y'ipatanti yatanze hashingiwe ku mezi asigaye ngo igihe cy'umusoro kirangire. Ukwezi ibikorwa bisoreshwa byahagazemo cyangwa byahinduwe ntikubarirwa muri ayo mezi asigaye.</p>	<p>If the trading license tax is already paid, the tax administration refunds the taxpayer basing on the remaining months of the tax year. The month in which the taxable activity is terminated or changed is not considered within the remaining months.</p>	<p>Si la patente est déjà payée, l'administration fiscale rembourse le contribuable sur base des mois qui restent avant la fin de l'année d'imposition. Le mois au cours duquel l'activité imposable s'arrête ou change n'est pas compté parmi les mois qui restent.</p>
<p>Gusubizwa amafaranga y'ipatanti yishyurwa bikorwa mu gihe kitarenze amezi abiri (2) guhera igihe urwego rusoresha ruboneye inyandiko imenyeshya ko igikorwa gisoreshwa cyahagaze cyangwa cyahinduwe.</p>	<p>The refund of the trading license tax is made within two (2) months following the receipt by the tax administration of the notice about the termination or change of the taxable activity.</p>	<p>Le remboursement de la patente payée est effectué endéans deux (2) mois suivant la réception par l'administration fiscale de l'avis concernant l'arrêt ou le changement de l'activité imposable.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Iperereza</u></p>	<p><u>Article 16: Investigations</u></p>	<p><u>Article 16: Enquêtes</u></p>
<p>Umukozi wemewe ashobora kwinjira, nta nyandiko yihariye imuha ubwo burenganzira, ahantu hakorerwa ibikorwa by'ubucuruzi mu masaha y'akazi agamije gusuzuma icyiciro</p>	<p>An authorised officer may, without a warrant, enter premises used for commercial activities during working hours for the purposes of ascertaining the category of the business or assessing the trading licence tax certificate.</p>	<p>Un agent autorisé peut entrer sans mandat dans les locaux utilisés pour des activités commerciales pendant les heures de travail afin de vérifier la catégorie du commerce ou de contrôler la vignette du droit de patente.</p>

<p>cy'ubucuruzi cyangwa kugenzura icyemezo cy'umusoro w'ipantanti.</p> <p>UMUTWE WA IV: IMITUNGANYIRIZE Y'ISORESHA IKURIKIZWA MU KWAKIRA UMUSORO KU NYUNGU Z'UBUKODE</p> <p><u>Ingingo ya 17: Imenyekanisha ry'umusoro ku nyungu z'ubukode</u></p> <p>Umuntu ubona umusaruro uturutse ku bukode bw'umutungo utimukanwa cyangwa umuhagarariye agomba gutanga imenyekanisha ry'umusoro riherekjwe na kopi y'amasezerano y'ubukode mbere y'itariki ya 31 Mutarama.</p> <p><u>Ingingo ya 18: Uburyo bwo kubara umusoro ku nyungu z'ubukode</u></p> <p>Umusoreshwa ufite umutungo utimukanwa ukodeshwa urenze umwe mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rumwe, abara umusoro ashingiye ku nyungu z'ubukode zikomatanijye.</p> <p><u>Ingingo ya 19: Kwishyura umusoro ku nyungu z'ubukode</u></p> <p>Umusoreshwa urebwa n'umusoro ku nyungu z'ubukode agomba kwishyura umusoro wabazwe bitarenze itariki ntarengwa igenwa n'itegeko hakurikijwe uburyo bugenwa n'urwego rusoresha.</p>	<p>CHAPTER IV: TAX PROCEDURES APPLICABLE TO COLLECTION OF RENTAL INCOME TAX</p> <p><u>Article 17: Rental income tax declaration</u></p> <p>A person who receives an income from rented immovable property or a designated representative of that person must, before 31st January, file a tax declaration accompanied by a copy of the rental contract.</p> <p><u>Article 18: Modalities for computation of rental income tax</u></p> <p>A taxpayer who owns more than one rented immovable property in one decentralised entity computes the rental income tax on consolidated rental incomes.</p> <p><u>Article 19: Rental income tax payment</u></p> <p>A taxpayer of the rental income tax must pay the assessed tax not later than the deadline set forth by the law in accordance with modalities set by the tax administration.</p>	<p>CHAPITRE IV: PROCÉDURES FISCALES APPLICABLES À LA COLLECTE D'IMPÔT SUR LE REVENU LOCATIF</p> <p><u>Article 17: Déclaration de l'impôt sur le revenu locatif</u></p> <p>Une personne qui reçoit un revenu provenant d'un bien immobilier loué ou le représentant désigné de cette personne doit soumettre avant le 31 janvier une déclaration de l'impôt accompagnée par une copie du contrat de location.</p> <p><u>Article 18: Modalités de calcul de l'impôt sur le revenu locatif</u></p> <p>Le contribuable qui possède plus d'un bien immobilier loué dans une entité décentralisée, calcule l'impôt locatif sur les revenus locatifs consolidés.</p> <p><u>Article 19: Paiement de l'impôt sur le revenu locatif</u></p> <p>Le contribuable de l'impôt sur le revenu locatif doit payer l'impôt évalué au plus tard à l'échéance fixée par la loi conformément aux modalités fixées par l'administration fiscale.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 20: Kuvugurura cyangwa gusesa amasezerano y'ubukode</u></p> <p>Igihe amasezerano y'ubukode asheshwe cyangwa avuguruwe, umusoreshwa agomba kubimenyeshya, mu nyandiko, urwego rusoresha mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira iseswa cyangwa ivugururwa ry'amasezerano.</p> <p>Umusoreshwa urengeje igihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo atamenyeshye urwego rusoresha iseswa cyangwa ivugururwa ry'amasezerano y'ubukode kandi atabasha gutanga gihamya y'uko ayo masezerano yasheshwe cyangwa yavuguruwe, afatwa nk'ugengwa n'amasezerano ya mbere.</p> <p><u>UMUTWE WA V: IMITUNGANYIRIZE Y'ISORESHA IKURIKIZWA MU KWAKIRA AMAHORO</u></p> <p><u>Ingingo ya 21: Imenyekanisha n'iyishyurwa ry'amahoro</u></p> <p>Amahoro amenyekanishwa akanishyurwa hakurikijwe uburyo bugenwa n'urwego rusoresha.</p> <p><u>Ingingo ya 22: Igihe cyo kwishyura amahoro</u></p> <p>Amahoro yakwa kugira ngo umuntu ahabwe serivisi, yishyurwa mbere y'uko serivisi itangwa.</p> <p>Amahoro yakwa buri kwezi yishyurwa urwego rusoresha bitarenze itariki ya 5 y'ukwezi gukurikira ukwishyurirwa amahoro.</p>	<p><u>Article 20: Amendment or termination of a rental contract</u></p> <p>If a rental contract is terminated or amended, the taxpayer must notify, in writing, the tax administration within fifteen (15) days after the contract is terminated or amended.</p> <p>A taxpayer who exceeds the period referred to in Paragraph One of this Article without notifying the tax administration on the termination or amendment of the rental contract and cannot provide the proof of termination or amendment of the rental contract, he or she is considered as governed by the previous contract.</p> <p><u>CHAPITRE V: TAX PROCEDURES APPLICABLE TO COLLECTION OF FEES</u></p> <p><u>Article 21: Declaration and payment of fees</u></p> <p>Fees are declared and paid in accordance with modalities set by the tax administration.</p> <p><u>Article 22: Periods for payment of fees</u></p> <p>Fees levied on a service are paid before the service is delivered.</p> <p>Fees payable on a monthly basis are paid to the tax administration not later than the fifth (5) of the month following the taxable month.</p>	<p><u>Article 20: Modification ou résiliation du contrat de location</u></p> <p>Lorsque le contrat de location est résilié ou modifié, le contribuable doit notifier par écrit l'administration fiscale endéans quinze jours (15) suivant la résiliation ou la modification du contrat.</p> <p>Le contribuable qui dépasse le délai visé à l'alinéa premier du présent article sans en informer l'administration fiscale quant à la résiliation ou à la modification du contrat de location et qui ne peut pas fournir la preuve de la résiliation ou de la modification du contrat de location, il est considéré comme régi par le contrat précédent.</p> <p><u>CHAPITRE V: PROCÉDURES FISCALES APPLICABLES À LA COLLECTE DES TAXES</u></p> <p><u>Article 21: Déclaration et paiement des taxes</u></p> <p>Les taxes sont déclarées et payées conformément aux modalités fixées par l'administration fiscale.</p> <p><u>Article 22: Délais pour le paiement des taxes</u></p> <p>Les taxes perçues sur un service sont payées avant que le service ne soit rendu.</p> <p>Les taxes payables mensuellement sont payées à l'administration fiscale au plus tard le cinq (5) du mois qui suit le mois imposable.</p>
--	---	--

<p>Amahoro yakwa rimwe mu mwaka yishyurwa bitarenze itariki ya 31 Ukuboza y'umwaka wishyurirwa amahoro.</p> <p>UMUTWE WA VI: IMITUNGANYIRIZE Y'ISORESHA IHURIWEHO IKURIKIZWA MU KWAKIRA IMISORO N'AMAHORO</p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Igenzura</u></p> <p><u>Ingingo ya 23: Ihame ry'igenzura rimwe</u></p> <p>Urwego rusoresha rukorera umusoreshwa igenzura inshuro imwe (1) gusa ku bwoko bumwe bw'umusoro cyangwa bw'amahoro mu gihe kimwe cy'isoresha.</p> <p>Icyakora, urwego rusoresha rushobora gukora irindi genzura kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° habaye ubufatanye bw'umusoreshwa n'umugenzuzi mu kunyereza imisoro cyangwa gukora ikindi gikorwa kigamije kutishyura umusoro cyangwa amahoro bisabwa; 2° mu gihe igenzura rya mbere ryashingiye ku nyandiko mpimbano; 3° mu gihe igenzura rya mbere ryakozwe ku kibazo cyihariye urwego rusoresha rukaba rushaka gukora igenzura ryuzuye; 	<p>Fees payable once a year are paid not later than 31st December of the taxable year.</p> <p>CHAPTER VI: COMMON TAX PROCEDURES APPLICABLE TO COLLECTION OF TAXES AND FEES</p> <p><u>Section One: Audit</u></p> <p><u>Article 23: Unique audit principle</u></p> <p>The tax administration audits a taxpayer only once for one type of tax or fee and for one period.</p> <p>However, the tax administration may conduct a new audit in case of one of the following circumstances:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° complicity of the taxpayer and the auditor to evade taxes or commit any other act intending to non-payment of required tax or fee; 2° if the first audit was based on forged documents; 3° if the first audit was issue-oriented and the tax administration wants to conduct a comprehensive audit; 	<p>Les taxes payables une fois par an, sont payées au plus tard le 31 décembre de l'année imposable.</p> <p>CHAPITRE VI: PROCÉDURES FISCALES COMMUNES APPLICABLES À LA COLLECTE DES IMPÔTS ET TAXES</p> <p><u>Section première: Audit</u></p> <p><u>Article 23: Principe de l'unicité d'audit</u></p> <p>L'administration fiscale procède à un seul audit pour un type d'impôt ou taxe et pour un exercice fiscal.</p> <p>Toutefois, l'administration fiscale peut mener un nouvel audit dans l'une des circonstances suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° la complicité entre le contribuable et l'auditeur pour commettre la fraude fiscale ou tout autre acte visant le non-paiement d'impôt ou taxe requis; 2° si le premier audit a été fait sur base des faux documents; 3° si le premier audit était spécifiquement orienté et l'administration fiscale veut mener un audit complet;
---	--	---

<p>4° iyo umuyobozi w'urwego rusoresha asheshe igenzura rya mbere ashingiye ku bujurire.</p> <p><u>Ingingo ya 24: Imenyeshya ry'igenzura</u></p> <p>Urwego rusoresha rumenyeshya, mu nyandiko, umusoreshwa nibura iminsi irindwi (7) y'akazi mbere y'igenzura, ibi bikurikira:</p> <p>1° igenzura rizakorwa;</p> <p>2° aho igenzura rizakorerwa n'igihe rishobora kumara;</p> <p>3° inyandiko yose ikenewe kugenzurwa cyangwa amakuru yose asabwa.</p> <p>Iyo umusoreshwa atiteguye igenzura, yandikira urwego rusoresha asaba ko ryimurwa. icyakora, iryo yimurwa ntrishobora kurenza iminsi cumi n'itanu (15) kandi rikorwa rimwe (1) gusa.</p> <p><u>Ingingo ya 25: Inshingano z'umusoreshwa mu gihe cy'igenzura</u></p> <p>Mu gihe cy'igenzura, umusoreshwa agomba:</p> <p>1° kuboneka we ubwe cyangwa umuhagarariye igihe cyose akenewe;</p> <p>2° guha abagenzuzi b'imisoro aho bakorerwa hakwiriye;</p>	<p>4° when the head of tax administration cancels the first audit basing on appeal.</p> <p><u>Article 24: Audit notification</u></p> <p>The tax administration informs the taxpayer, in writing, at least seven (7) working days before conducting an audit, about the following:</p> <p>1° the audit to be conducted;</p> <p>2° the place where the audit is to be conducted and the possible duration of the audit;</p> <p>3° any document required to be audited or any information required.</p> <p>If the taxpayer is not ready for audit, he or she writes to the tax administration requesting for a postponement. However, the postponement cannot exceed fifteen (15) days and is only done once.</p> <p><u>Article 25: Obligations of the taxpayer during audit</u></p> <p>During audit, the taxpayer must:</p> <p>1° avail himself or herself or his or her representative whenever needed;</p> <p>2° provide auditors with appropriate working environment;</p>	<p>4° si le chef de l'administration fiscale annule le premier audit sur base de l'appel.</p> <p><u>Article 24: Notification d'audit</u></p> <p>L'administration fiscale informe le contribuable, par écrit, au moins sept (7) jours ouvrables avant l'audit, de ce qui suit:</p> <p>1° l'audit à effectuer;</p> <p>2° l'endroit où l'audit doit être effectué et la durée possible de l'audit;</p> <p>3° tout document requis pour être audité ou toute information requise.</p> <p>Lorsque le contribuable n'est pas prêt pour l'audit, il demande par écrit à l'administration fiscale un ajournement. Toutefois, cet ajournement ne peut pas dépasser quinze (15) jours et ne se fait qu'une seule fois.</p> <p><u>Article 25: Obligations du contribuable pendant l'audit</u></p> <p>Pendant l'audit, le contribuable doit:</p> <p>1° être lui-même disponible ou son représentant chaque fois qu'il est sollicité;</p> <p>2° fournir aux auditeurs un lieu convenable de travail;</p>
--	---	---

<p>3° gushyikiriza abagenzuzi inyandiko zose zifitanye isano n'igenzura kandi akabagenera kopi zazo.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Amakuru y'inyongera</u></p> <p>Urwego rusoresha rushobora gusaba, mu nyandiko, umusoresha amakuru cyangwa ibisobanuro by'inyongera.</p> <p>Umusoresha agomba gutanga, mu nyandiko, ayo makuru cyangwa ibyo bisobanuro bisabwa mu minsi itarenze irindwi (7) y'akazi guhera igihe yakiriye ubusabe, keretse iyo habayeho inzitizi zitigobotorwa.</p> <p>Urwego rusoresha rushobora kwifashisha amakuru yabonetse mbere y'igenzura aho yaba akomotse hose.</p> <p><u>Ingingo ya 27: Ahandi haturuka amakuru</u></p> <p>Mu gihe cy'igenzura, bisabwe mu nyandiko n'urwego rusoresha, aba bakurikira bagomba gutanga amakuru akenewe ku byerekeye umusoresha:</p> <p>1° inzego zose za Leta cyangwa iz'abikorera;</p> <p>2° abandi bantu mu gihe urwego rusoresha rukeneye kumenya amakuru ku mutungo w'umusoresha.</p>	<p>3° make available to auditors all audit related documents and provide them with copies.</p> <p><u>Article 26: Additional information</u></p> <p>The tax administration may request, in writing, additional information or explanations from the taxpayer.</p> <p>The taxpayer must provide the requested information or explanations in writing within seven (7) working days from the time of receipt except in case of force majeure.</p> <p>The tax administration may use any information found from any source before audit.</p> <p><u>Article 27: Other sources of information</u></p> <p>In case of audit, upon request in writing by the tax administration, the following must provide all requested information in relation with the taxpayer:</p> <p>1° all public or private institutions;</p> <p>2° other persons in case the tax administration needs to get information related to the taxpayer's property.</p>	<p>3° mettre à la disposition des auditeurs tous les documents connexes à l'audit et leur en procurer des copies.</p> <p><u>Article 26: Informations additionnelles</u></p> <p>L'administration fiscale peut demander, par écrit, au contribuable les informations ou explications additionnelles.</p> <p>Le contribuable doit, par écrit, fournir les informations ou explications requises endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la réception de la demande, sauf en cas de force majeure.</p> <p>L'administration fiscale peut se servir de toute information obtenue de toute source avant l'audit.</p> <p><u>Article 27: Autres sources d'informations</u></p> <p>En cas d'audit, à la demande écrite de l'administration fiscale, les suivants doivent fournir toutes les informations requises en relation avec le contribuable:</p> <p>1° les institutions publiques ou privées;</p> <p>2° d'autres personnes au cas où l'administration fiscale a besoin d'avoir les informations concernant les biens du contribuable.</p>
---	---	--

<p>Urwego cyangwa umuntu basabwe gutanga amakuru bagomba kuyatanga mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva bakiriye ubusabe.</p> <p>Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byubahirizwa no ku muntu cyangwa urwego bisabwa kugira ibanga ry'akazi.</p> <p><u>Ingingo ya 28: Kwifashisha amakuru n'ibimenyetso bibonetse</u></p> <p>Urwego rusoresha rwifashisha amakuru n'ibimenyetso byose bibonetse iyo:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° nta menyekanisha ry'umusoro cyangwa amahoro ryakozwe; 2° imenyekanisha ry'umusoro ritaherekejwe n'inyandiko zose za ngombwa; 3° umusoreshwa atoroheraje umugenzuzi cyangwa ataratanze ibisobanuro yasabwe; 4° hari impamvu zikomeye zigaragaza inyerezwa ry'umusoro kandi zidashidikanywaho; 5° umusoreshwa atatanze amakuru ahagije ku bikorwa bigenzurwa. 	<p>The institution or person requested to provide information must do so within fifteen (15) days from receipt of the request.</p> <p>Provisions of Paragraph One of this Article also apply to a person or an institution bound to professional secrecy.</p> <p><u>Article 28: Use of available information and evidence</u></p> <p>The tax administration uses all available information and evidence if:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° no declaration of tax or fee was filed; 2° the tax declaration was not accompanied by all necessary documents; 3° the taxpayer was unwilling to cooperate with an audit officer or did not provide the explanations requested; 4° there are serious indications of tax fraud beyond reasonable doubt; 5° the taxpayer did not provide sufficient information on audited transactions. 	<p>L'institution ou la personne requise de fournir les informations doit le faire endéans quinze (15) jours à compter de la réception de la demande.</p> <p>Les dispositions de l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à la personne ou l'institution tenue au secret professionnel.</p> <p><u>Article 28: Recours aux informations et preuves disponibles</u></p> <p>L'administration fiscale se sert de toutes les informations et preuves disponibles lorsque:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° aucune déclaration de l'impôt ou taxe n'a eu lieu; 2° la déclaration fiscale n'a pas été accompagnée par tous les documents nécessaires; 3° le contribuable a refusé de coopérer avec un auditeur ou n'a pas fourni les explications demandées; 4° il existe des indices sérieux de fraude fiscale au-delà du doute raisonnable; 5° le contribuable n'a pas fourni des informations suffisantes sur les transactions auditées.
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 29: Uburyo bwo gukora igenzura</u></p> <p>Igenzura rikorwa muri bumwe mu buryo bukurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° uburyo bwemera ivuguruzanya; 2° uburyo bw'igenzura nta nteguza; 3° uburyo bw'igenzura risuzuma ikibazo cyihariye; 4° uburyo bw'igenzura rikorewe mu biro. 	<p><u>Article 29: Audit procedure</u></p> <p>Audit is conducted in one of following procedures:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° contradictory procedure; 2° audit without notice procedure; 3° issue-oriented audit procedure; 4° desk audit procedure. 	<p><u>Article 29: Procédure d'audit</u></p> <p>L'audit s'effectue dans l'une des procédures suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° la procédure contradictoire; 2° la procédure d'audit sans préavis; 3° la procédure d'audit spécifiquement orienté; 4° la procédure d'audit au bureau.
<p><u>Ingingo ya 30: Uburyo bwemera ivuguruzanya</u></p> <p>Iyo urwego rusoresha rusanze imenyekanisha ry'umusoro cyangwa ry'amahoro ryarabazwe nabi, ritarabazwe, ryarabujwe, ryarakozwe nabi cyangwa irindi kosa mu imenyekanisha cyangwa mu ibarwa ry'umusoro cyangwa amahoro, urwego rusoresha rwoherereza umusoreshwa inyandiko ikosora ikubiyemo ibyo rwashingiyeho rukosora, ibyavuye mu biganiro urwego rusoresha rwagiranye n'umusoreshwa cyangwa umuhagarariye.</p> <p>Iyo nyandiko ikosora ikubiyemo kandi ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iyo habayeho kutubahiriza amategeko abigenga.</p>	<p><u>Article 30: Contradictory procedure</u></p> <p>If the tax administration discovers a miscalculation, an omission, an understatement, a misrepresentation of tax or fee declaration or any other error in the declaration or assessment of tax or fee, the tax administration sends a note for rectification to the taxpayer containing all the elements taken into account for rectification, the outcome of the discussions between tax administration and taxpayer or his or her representative.</p> <p>The rectification note contains also an administrative fine in case of non-compliance with the relevant laws.</p>	<p><u>Article 30: Procédure contradictoire</u></p> <p>Lorsque l'administration fiscale découvre une erreur de calcul, une omission, une sous-estimation, une déclaration inexacte de l'impôt ou taxe ou toute autre erreur dans la déclaration ou le calcul de l'impôt ou taxe, l'administration fiscale transmet au contribuable un avis de rectification comprenant tous les éléments ayant servi de base de rectification, les résultats des discussions entre l'administration fiscale et le contribuable ou son représentant.</p> <p>L'avis de rectification contient également une amende administrative en cas de non-respect de la législation en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 31: Uburyo bwo gukora igenzura nta nteguza</u></p> <p>Iyo hari impamvu zikomeye zigaragaza ko habayeho inyerezwa ry'umusoro, urwego rusoresha rushobora gukora igenzura nta nteguza.</p>	<p><u>Article 31: Audit without notice procedure</u></p> <p>If there are serious indications of tax evasion, the tax administration may conduct an audit without notice. In such a case, a tax assessment notice or</p>	<p><u>Article 31: Procédure d'audit sans préavis</u></p> <p>Lorsqu'il existe des indices sérieux de fraude fiscale, l'administration fiscale peut mener un audit sans préavis. Dans ce cas, une note</p>

<p>Muri icyo gihe, umusoreshwa ahabwa inyandiko igena umusoro cyangwa inyandiko igena ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi hatitawe ku bivugwa mu ngingo ya 24 y'iri teka. Inyandiko igena umusoro cyangwa inyandiko igena ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi igomba kugaragaza kandi impamvu zose zatumye igenzurwa nta nteguza rikorwa.</p> <p>Umusoreshwa afite uburenganzira bwo gutanga ibisobanuro ku nyandiko igena umusoro cyangwa ku nyandiko imenyeshya ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uherye igihe yashyikirijwe iyo nyandiko. Iyo umusoreshwa adatanze ibisobanuro muri icyo gihe, inyandiko igena umusoro cyangwa inyandiko imenyeshya ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iba ndakuka.</p> <p><u>Ingingo ya 32: Uburyo bw'igenzura risuzuma ikibazo cyihariye</u></p> <p>Urwego rusoresha rushobora gukora igenzura risuzuma ikibazo cyihariye iyo atari ngombwa gukora igenzura risesuye.</p> <p>Hatitawe ku gihe cy'imenyeshya ry'igenzura giteganywa mu ngingo ya 24 y'iri teka, iyo hagomba gukorwa igenzura rigamije gusuzuma ikibazo cyihariye, urwego rusoresha rugomba kumenyeshya umusoreshwa, mu nyandiko, hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo igenzura rikorwe.</p> <p>Mu gihe cy'igenzura risuzuma ikibazo cyihariye, iyimurwa ry'igenzura rivugwa mu ngingo ya 24</p>	<p>an administrative fine assessment notice is issued to the taxpayer disregarding provisions of Articles 24 of this Order. The tax assessment notice or the administrative fine assessment notice must indicate also the reasons for conducting the audit without notice.</p> <p>The taxpayer has the right to provide explanations on the tax assessment notice or the administrative fine assessment notice without notice within fifteen (15) days from the date of its receipt. If the taxpayer fails to provide explanations within this period, the tax assessment notice or the notification of administrative fine becomes final.</p> <p><u>Article 32: Issue-oriented audit procedure</u></p> <p>The tax administration may proceed to an issue-oriented audit when a comprehensive audit is not necessary.</p> <p>Disregarding the audit notice period referred to in Article 24 of this Order, in case of an issue-oriented audit, the tax administration must inform the taxpayer, in writing, at least three (3) working days before the audit is conducted.</p> <p>In case of an issue-oriented audit, the postponement of audit referred to in Article 24 of this Order cannot exceed seven (7) working days.</p>	<p>d'imposition ou une notification d'amende administrative est adressée au contribuable sans tenir compte des dispositions de l'article 24 du présent arrêté. La note d'imposition ou la notification d'amende administrative doit aussi mentionner les raisons de mener l'audit sans préavis.</p> <p>Le contribuable a le droit de fournir les explications sur la note d'imposition ou la notification d'amende administrative endéans quinze (15) jours suivant la date de sa réception. Lorsque le contribuable ne fournit pas les explications durant cette période, la note d'imposition ou la notification d'amende administrative devient définitive.</p> <p><u>Article 32: Procédure d'audit spécifiquement orienté</u></p> <p>L'administration fiscale peut procéder à un audit spécifiquement orienté si l'audit complet n'est pas nécessaire.</p> <p>Sans tenir compte de la période de notification d'audit visée à l'article 24 du présent arrêté, en cas d'audit spécifiquement orienté, l'administration fiscale doit en informer le contribuable, par écrit, au moins trois (3) jours ouvrables avant que l'audit ait lieu.</p> <p>En cas d'audit spécifiquement orienté, l'ajournement d'audit visé à l'article 24 du présent arrêté ne peut pas dépasser sept (7) jours ouvrables.</p>
--	--	---

<p>y'iri teka ntirishobora kurenza iminsi irindwi (7) y'akazi.</p> <p><u>Ingingo ya 33: Uburyo bw'igenzura rikorewe mu biro</u></p> <p>Igenzura rikorewe mu biro rikorwa n'umugenzuzi mu biro bye kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p> <p>1° iyo imenyekanisha ry'imisoro cyangwa amahoro ridahura n'imisoro cyangwa amahoro byishyuwe;</p> <p>2° ikindi gihe cyose urwego rusoresha rufite inyandiko zihagije zatuma habarwa imisoro cyangwa amahoro.</p> <p>Mu igenzura rikorewe mu biro, si ngombwa kumenyesha umusoreshwa, mu nyandiko, ko ajenzurwa. icyakora, umusoreshwa ahabwa ubutumire kugira ngo atange ibisobanuro mbere y'uko ahabwa inyandiko igena umusoro.</p> <p><u>Ingingo ya 34: Inyandiko ndakuka y'ikosora</u></p> <p>Nyuma y'ibiganiro bisoza igenzura hagati y'urwego rusoresha n'umusoreshwa, urwego rusoresha rugomba gutanga inyandiko ndakuka y'ikosora igaragaza uko umusoro ukosoye wabazwe, umusoro w'iremezo n'ibihano bijyanye na wo.</p> <p>Inyungu z'ubukererwe zibarwa iyo umusoreshwa aje kwishyura.</p>	<p><u>Article 33: Desk audit procedure</u></p> <p>Desk audit is conducted by an auditor in his or her office on any of the following reasons:</p> <p>1° if the declaration of taxes or fees are not corresponding to paid taxes or fees;</p> <p>2° in any other situation where the tax administration has sufficient documents that can be used to assess taxes or fees.</p> <p>In case of the desk audit, it is not necessary to inform, in writing, the taxpayer that he or she is audited. However, the taxpayer is invited for explanations before the tax assessment notice is issued to him or her.</p> <p><u>Article 34: Final notice of rectification</u></p> <p>After the exit meeting between tax administration and taxpayer, the tax administration must issue the final notice of rectification indicating how the revised tax has been calculated, the principal and related penalties.</p> <p>Late payment interests are calculated when the taxpayer comes to pay.</p>	<p><u>Article 33: Procédure d'audit au bureau</u></p> <p>L'audit au bureau est mené par un auditeur dans son bureau pour l'un des motifs suivants:</p> <p>1° si la déclaration d'impôts ou taxes ne correspond pas aux impôts ou taxes payés;</p> <p>2° dans tout autre cas où l'administration fiscale dispose des documents suffisants lui permettant d'évaluer les impôts ou taxes.</p> <p>En cas d'audit au bureau, il n'est pas nécessaire d'informer par écrit le contribuable qu'il fait l'objet d'un audit. Toutefois, le contribuable est invité à fournir des explications avant de lui remettre la note d'imposition.</p> <p><u>Article 34: Avis définitif de rectification</u></p> <p>Après la réunion de clôture de l'audit entre l'administration fiscale et le contribuable, l'administration fiscale doit émettre au contribuable l'avis définitif de rectification qui présente comment l'impôt révisé a été calculé, le principal et les pénalités y relatives.</p> <p>Les intérêts de retard sont calculés quand le contribuable vient à payer.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 35: Ukutakirwa kw'inyandiko</u></p> <p>Umusoreshwa ntiyemererwa gutanga, ku rwego urwo ari rwo rwose rw'ubujurire, indi nyandiko atagaragaje mu gihe cy'igenzura, uretse igihe agaragaje ko atatanze iyo nyandiko kubera impamvu yumvikana.</p> <p><u>Ingingo ya 36: Gukosora amakosa yakozwe mu buryo bw'igenzura</u></p> <p>Iyo habaye ikosa ryerekeranye n'uburyo bw'igenzura, urwego rusoresha rwemerewe gukosora iryo kosa inshuro imwe (1) gusa, mu buryo bukurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gusubiramo igenzura ryose mu gihe iryo kosa rifite ingaruka rusange; 2° gukosora ikosa ku rwego ryakozweho niba rifite ingaruka gusa ku rwego rumwe rw'igenzura. <p><u>Ingingo ya 37: Gusoza igenzura</u></p> <p>Igenzura risozwa n'inyandikomvugo ishyirwaho umukono n'umusoreshwa n'umugenzuzi.</p> <p>Inyandikomvugo igaragaza uko igenzura ryagenze, amakosa yagaragaye, ibitabo n'inyandiko umusoreshwa atagaragaje mu gihe cy'igenzura.</p>	<p><u>Article 35: Inadmissibility of documents</u></p> <p>A taxpayer is not allowed to provide at any stage of appeal, any additional document that was not produced during the audit, unless he or she proves that the document was not produced due to a valid reason.</p> <p><u>Article 36: Correction of audit procedural errors</u></p> <p>In case of error related to audit procedure, the tax administration is allowed to correct the error only once, as follows:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° resumption of the entire audit if the error has a general impact; 2° correction of the error at the corresponding step if the error only affects one step of the audit. <p><u>Article 37: Audit closure</u></p> <p>The audit is concluded by a written statement of audit signed by both the taxpayer and the auditor.</p> <p>The written statement indicates the audit process, errors discovered, books and documents that were not provided by the taxpayer during audit.</p>	<p><u>Article 35: Irrecevabilité des documents</u></p> <p>Le contribuable n'est pas autorisé à produire, à n'importe quel niveau d'appel un document additionnel qu'il n'avait pas fourni pendant l'audit, à moins qu'il ne prouve que tel document n'a pas pu être fourni pour une raison valable.</p> <p><u>Article 36: Correction d'erreurs procédurales d'audit</u></p> <p>En cas d'erreur relative à la procédure d'audit, il est permis à l'administration fiscale de corriger l'erreur une seule fois, comme suit:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° reprise de l'audit entier si l'erreur a un impact général; 2° correction de l'erreur à l'étape correspondante si l'erreur n'a d'impact que sur une étape de l'audit. <p><u>Article 37: Clôture de l'audit</u></p> <p>L'audit est conclu par un procès-verbal signé par le contribuable et l'auditeur.</p> <p>Le procès-verbal indique le déroulement de l'audit, les erreurs constatées, les livres et les documents qui n'ont pas été fournis par le contribuable au cours de l'audit.</p>
---	--	--

<u>Icyiciro cya 2: Gukemura impaka</u>	<u>Section 2: Dispute settlement</u>	<u>Section 2: Règlement des litiges</u>
<u>Akiciro ka mbere: Ubujurire bwo mu rwego rw'ubutegetsi</u>	<u>Subsection One: Administrative appeal</u>	<u>Sous-section première: Recours administratif</u>
<u>Ingingo ya 38: Kujuririra Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha</u>	<u>Article 38: Appeal to the Head of the tax administration</u>	<u>Article 38: Recours auprès du Chef de l'administration fiscale</u>
Umusoreshwa utanyuzwe n'ibikubiye mu nyandiko igena umusoro ajuririra Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) uhereye ku muni ashyikirijweho inyandiko igena umusoro.	A taxpayer who is dissatisfied with the contents of the tax assessment notice appeals to the Head of the tax administration within thirty (30) days from the day of receipt of the tax assessment notice.	Un contribuable qui n'est pas satisfait du contenu de la note d'imposition, introduit son recours auprès du Chef de l'administration fiscale endéans trente (30) jours à compter de la réception de la note d'imposition.
<u>Ingingo ya 39: Ibisabwa kugira ngo ubujurire bwakirwe</u>	<u>Article 39: Conditions for admissibility of appeal</u>	<u>Article 39: Conditions de recevabilité du recours</u>
Kugira ngo yakirwe, dosiye y'ubujurire igomba kuba:	To be admissible, the file of appeal must:	Pour être recevable, le dossier de recours doit:
<ul style="list-style-type: none"> 1 ° iri mu nyandiko; 2 ° igaragaza umusoreshwa na numero iranga umusoreshwa; 3 ° igaragaza igihe cy'umusoro; 4 ° igaragaza ibarwa ry'umusoro, impamvu n'ibyo ashingiraho ajurira; 5 ° yashyizweho umukono n'umusoresha cyangwa umuhagarariye mu rwego rw'amategeko cyangwa uwo yabihereye uburenganzira ufite icyemezo cyo kumuhagararira; 	<ul style="list-style-type: none"> 1 ° be in writing; 2 ° identify the taxpayer and the taxpayer identification number; 3 ° identify the tax period; 4 ° specify the tax assessment, the object and the grounds for the appeal; 5 ° be signed by the taxpayer, his or her legal representative or a representative with powers of attorney; 	<ul style="list-style-type: none"> 1 ° être en écrit; 2 ° identifier le contribuable et le numéro d'identification du contribuable; 3 ° mentionner l'exercice fiscal; 4 ° spécifier l'évaluation de l'impôt, l'objet et les motifs du recours; 5 ° être signé par le contribuable, son représentant légal ou son mandataire;

<p>6° igaragaza ibimenyetso n'ingingo z'amategako byerekana ko isoresha ritakozwe neza.</p> <p><u>Ingingo ya 40: Gufata icyemezo ku bujurire</u></p> <p>Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha afata icyemezo ku bujurire mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uherye igihe ubwo bujurire bwakiriwe akakimenyeshya umusoreshwa mu nyandiko.</p> <p>Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha cyangwa undi mukozi w'urwego rusoresha ubifitiye ububasha washyizweho n'Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha ashobora kongeraho indi minsi mirongo itatu (30) akabimenyeshya umusoreshwa. Iyo Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha nta cyemezo afashe muri icyo gihe, ubujurire bufatwa nk'aho bufite ishingiro.</p> <p>Iyo ubujurire bwemewe bwose cyangwa igice cyabwo, Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha akuriraho umusoreshwa umusoro cyangwa amahoro bijyanye na bwo, inyungu z'ubukererwe n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi.</p> <p><u>Ingingo ya 41: Igenzura rishya rishingiye ku bujurire</u></p> <p>Nyuma yo gusuzuma ubujurire, Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha ashobora gusesa igenzura ryakozwe akemeza ko hakorwa irindi genzura iyo hari amakosa yakozwe n'umusoreshwa ataragarajwe n'igenzura yatumye umusoro cyangwa amahoro bigabanuka.</p>	<p>6° contain proofs and legal showing that arguments against the taxation was not well conducted.</p> <p><u>Article 40: Decision on appeal</u></p> <p>The Head of the tax administration makes a decision on the appeal within thirty (30) days from the date of receipt of the complaint and communicates it to the taxpayer in writing.</p> <p>The Head of the tax administration or a competent staff of the tax administration designated by the Head of the tax administration may extend this period for other thirty (30) days and informs the taxpayer. In case no decision is made by the Head of the tax administration within this period, the appeal is assumed to be valid.</p> <p>In case the appeal is fully or partially accepted, the Head of the tax administration discharges the taxpayer from the respective tax or fee, interests for late payment and administrative fines.</p> <p><u>Article 41: New audit based on appeal</u></p> <p>After consideration of the appeal, the Head of the tax administration may cancel the audit conducted and decide that a new audit be conducted if there are faults committed by the taxpayer which were not disclosed by the audit and which resulted into reduction of the tax or fee.</p>	<p>6° contenir les preuves et dispositions légales montrant que la taxation n'a pas été bien mené.</p> <p><u>Article 40: Décision sur le recours</u></p> <p>Le Chef de l'administration fiscale statue sur le recours endéans trente (30) jours à partir de la réception de recours et communique sa décision au contribuable par écrit.</p> <p>Le Chef de l'administration fiscale ou l'agent compétent de l'administration fiscale qu'il a désigné peut prolonger ce délai de trente (30) jours et en informe le contribuable. Si le Chef de l'administration fiscale ne prend aucune décision pendant cette période, le recours est réputé fondé.</p> <p>Lorsque le recours est accepté en totalité ou en partie, le Chef de l'administration fiscale dispense le contribuable de l'obligation de payer l'impôt ou taxe respectif, les intérêts de retard et les amendes administratives.</p> <p><u>Article 41: Nouvel audit fondé sur le recours</u></p> <p>Après l'examen de l'appel, le Chef de l'administration fiscale peut annuler l'audit mené et décider qu'un autre audit soit mené, lorsqu'il y a des fautes commises par le contribuable qui n'ont pas été découvertes par l'audit et qui ont conduit à la réduction de l'impôt ou taxe.</p>
---	---	--

<p>Igenzura rishya rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka.</p> <p><u>Akicro ka 2: Gukemura ikibazo mu bwumvikane no kuregera urwego rubifitiye ububasha</u></p> <p><u>Ingingo ya 42: Gusaba ubwumvikane</u></p> <p>Umusoreshwa utishimiye icyemezo cy'Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha ashobora gusaba ko ikibazo gikemurwa mu bwumvikane.</p> <p>Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha agena uburyo bwo gukemura mu bwumvikane impaka zishingiye ku misoro n'amahoro.</p> <p><u>Ingingo ya 43: Kujuririra urwego rubifitiye ububasha</u></p> <p>Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 42 y'iri teka, iyo umusoreshwa atishimiye icyemezo cyafashwe n'Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha, ashobora kujuririra urwego rubifitiye ububasha mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe yagejejweho icyemezo cy'Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha.</p> <p>Ubujurire ntibuhagarika inshingano y'umusoreshwa yo kwishyura umusoro cyangwa amahoro, inyungu z'ubukerererwe n'ibihano. Icyakora, Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha, abisabwe n'umusoreshwa, ashobora guhagarika iyishyuzwa ry'umusoro cyangwa amahoro.</p>	<p>The new audit is conducted in accordance with the provisions of this Order.</p> <p><u>Sub-Section 2: Amicable settlement and appeal before the competent organ</u></p> <p><u>Article 42: Request for amicable settlement</u></p> <p>A taxpayer who is not satisfied with the decision of the Head of the tax administration may request for an amicable settlement of disputes.</p> <p>The Head of the tax administration determines the modalities for amicable settlement of taxes or fees related disputes.</p> <p><u>Article 43: Appeal before a competent organ</u></p> <p>Without prejudice to provisions of Article 42 of this Order, when the taxpayer is not satisfied with the decision of the Head of the tax administration, he or she may lodge an appeal to the competent organ within (30) days from the receipt of the decision of the Head of the tax administration.</p> <p>An appeal does not suspend the obligation of the taxpayer to pay tax or fee, interests for late payment and penalties. However, the Head of the tax administration may, upon request by the taxpayer, suspend the recovery of tax or fee.</p>	<p>Un nouvel audit est mené conformément aux dispositions du présent arrêté.</p> <p><u>Sous-Section 2: Règlement à l'amiable et recours à l'organe compétent</u></p> <p><u>Article 42: Demande de règlement à l'amiable</u></p> <p>Un contribuable qui n'est pas satisfait de la décision du Chef de l'administration fiscale peut demander le règlement à l'amiable du différent.</p> <p>Le Chef de l'administration fiscale détermine les modalités du règlement à l'amiable des différends liés aux impôts ou taxes.</p> <p><u>Article 43: Recours devant l'organe compétent</u></p> <p>Sans préjudice des dispositions de l'article 42 du présent arrêté, lorsque le contribuable n'est pas satisfait de la décision du Chef de l'administration fiscale, il peut faire recours à l'organe compétent endéans trente (30) jours à compter de la réception de la décision du Chef de l'administration fiscale.</p> <p>Le recours ne suspend pas l'obligation du contribuable de payer l'impôt ou taxe, les intérêts de retard et pénalités. Toutefois, le Chef de l'administration fiscale peut, sur demande du contribuable, suspendre le recouvrement de l'impôt ou taxe.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 44: Inyungu zishyurwa n’urwego rusoresha</u></p> <p>Iyo umusoresha akuriweho umusoro cyangwa amahoro, inyungu z’ubukererwe cyangwa ibihano n’icyemezo cy’ubutegetsi cyangwa cy’urukiko cyangwa iyo adasubijwe mu gihe giteganywa n’iri teka imisoro cyangwa amahoro y’ikirenga yishyuye, urwego rusoresha rugomba kwishyura inyungu ku mafaranga umusoresha agomba gusubizwa.</p> <p>Iyo nyungu ibarwa hakurikijwe igipimo cy’inyungu y’amabanki gishyirwaho na Banki Nkuru y’u Rwanda kandi ishyirwaho ku itariki ya 1 Mutarama y’igihe cy’isoresha muri uwo mwaka. Inyungu ibarwa umunsi ku wundi nta gukomatanya, uherye ku munsi umusoresha yishyuriye kugeza ku munsi wo gusubizwa amafaranga na wo ubariwemo.</p> <p><u>Icyiciro cya 3: Kwishyura imisoro n’amahoro</u></p> <p><u>Akiciro ka mbere: Uburenganzira n’ingwate ku mutungo w’umusoresha</u></p> <p><u>Ingingo ya 45: Uburenganzira ku mutungo wimukanwa</u></p> <p>Urwego rusoresha rufite uburenganzira ku musaruro n’umutungo wimukanwa by’umusoresha aho byaba biri hose, kugira ngo rubashe kwishyura imisoro cyangwa amahoro, inyungu z’ubukererwe, ihazabu yo mu rwego rw’ubutegetsi n’amafaranga yakoreshejwe mu kwishyura.</p>	<p><u>Article 44: Interest paid by the tax administration</u></p> <p>If the taxpayer is discharged from tax or fee, interests for late payment or penalties by an administrative or judicial decision or if no refund of excess taxes or fees paid is done in the time prescribed by this Order, the tax administration must pay interest on the due refund.</p> <p>The interest rate provided for in Paragraph One of this Article is calculated in accordance with the inter-bank offered rate of the National Bank of Rwanda and is set on 1st January of the tax period for the current year. Interest is calculated on a daily basis, non-compounding, counting from the day of payment until the day of refund inclusive.</p> <p><u>Section 3: Taxes and fees recovery</u></p> <p><u>Sub-section One: Security and mortgage on the property of the taxpayer</u></p> <p><u>Article 45: Security on movable property</u></p> <p>The tax administration has security on income and movable property of the taxpayer, wherever it may be located, for recovery of taxes or fees, interests for late payment, administrative fines and the cost of recovery.</p>	<p><u>Article 44: Intérêts payés par l’administration fiscale</u></p> <p>Si le contribuable est dispensé de l’impôt ou taxe, des intérêts de retard ou des pénalités par une décision administrative ou judiciaire ou si l’excédent ne lui est pas restitué dans le délai prescrit par le présent arrêté, l’administration fiscale doit payer des intérêts sur le remboursement dû.</p> <p>Le taux d’intérêt prévu à l’alinéa premier du présent article est calculé conformément au taux interbancaire offert par la Banque Nationale du Rwanda et est fixé le 1^{er} janvier de l’exercice fiscal pour l’année en cours. L’intérêt est calculé quotidiennement, non composé, à compter du jour du paiement jusqu’au jour du remboursement y compris.</p> <p><u>Section 3: Recouvrement d’impôts et taxes</u></p> <p><u>Sous-section première: Privilège et hypothèque sur le patrimoine du contribuable</u></p> <p><u>Article 45: Privilège sur les biens meubles</u></p> <p>L’administration fiscale a un privilège sur les revenus et les biens meubles du contribuable, partout où ils se trouvent, pour le recouvrement des impôts ou taxes, des intérêts de retard, des amendes administratives et des frais de recouvrement.</p>
---	--	--

<p>Ubwo burenganzira bureba kandi umusaruro n'umutungo wimukanwa by'abahagarariye umusoreshwa, iyo basangiye uburyozwe.</p> <p>Gufatira umusaruro cyangwa umutungo mbere y'uko uburenganzira burangira bibugumishaho kugeza igihe ibintu byimukanwa bigurishirijwe.</p> <p><u>Ingingo ya 46: Ingwate ku mutungo utimukanwa</u></p> <p>Urwego rusoresha rufite ingwate ku mutungo utimukanwa w'umusoreshwa aho waba uri hose, kugira ngo hishyurwe umusoro cyangwa amahoro, inyungu z'ubukerererwe,ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'amafaranga yakoreshejwe mu kwishyuza.</p> <p><u>Ingingo ya 47: Iyandikwa ry'uburenganzira n'ingwate ku mutungo</u></p> <p>Uburenganzira n'ingwate ku mutungo bigomba kwandikishwa ku Mwanditsi Mukuru bikamara igihe cy'imyaka ibiri (2) uhereye ku itariki umusoro cyangwa amahoro byagombye kuba byarishyuriweho. Iyo habayeho kujuririra ubutegetsi cyangwa urukiko, ubwo burenganzira n'ingwate byongererwa ikindi gihe cy'imyaka ibiri (2) nyuma y'umunsi icyemezo ndakuka cy'ubutegetsi cyangwa urukiko cyafatiweho.</p> <p>Umuyobozi Mukuru w'urwego rusoresha asaba ko uburenganzira cyangwa ingwate ku mutungo byandikwa bikagira agaciro ku munsi byandikiweho. Ni na we kandi usaba ko ubwo burenganzira n'ingwate bikurwaho.</p>	<p>The security concerns also income and movable property of representatives of the taxpayer if they share the liability.</p> <p>The seizure of income or property before the expiration of the security preserves the security until the movable property is sold.</p> <p><u>Article 46: Mortgage on immovable property</u></p> <p>The tax administration has a mortgage on immovable property of the taxpayer wherever it may be located for recovery of tax or fee, interests for late payment, administrative fines and the cost of recovery.</p> <p><u>Article 47: Registration of security and mortgage on property</u></p> <p>Security and mortgage on property must be registered with the Registrar General for a period of two (2) years starting from the date the tax or fee should have been paid. In case of administrative or judicial appeal, the security and the mortgage are extended for another period of two (2) years after the date of the final administrative or judicial decision.</p> <p>The Head of the tax administration requests for registration of the security or mortgage that takes effect on the date of registration. He or she also requests for cancellation of the security and mortgage.</p>	<p>Le privilège concerne également les revenus et les biens meubles des représentants du contribuable lorsqu'ils partagent la responsabilité.</p> <p>La saisie des revenus ou des biens avant l'expiration du privilège, entraîne le maintien du privilège jusqu'à ce que les biens meubles soient vendus.</p> <p><u>Article 46: Hypothèque sur un bien immeuble</u></p> <p>L'administration fiscale a une hypothèque sur les biens immeubles du contribuable, partout où ils se trouvent, pour le recouvrement de l'impôt ou taxe, des intérêts de retard, des amendes administratives et des frais de recouvrement.</p> <p><u>Article 47: Enregistrement d'un privilège et d'une hypothèque sur le patrimoine</u></p> <p>Le privilège et l'hypothèque sur le patrimoine doivent être enregistrés auprès du Registraire Général pour une période de deux (2) ans à compter de la date à laquelle l'impôt ou taxe aurait dû être acquitté. En cas de recours administratif ou judiciaire, le privilège et l'hypothèque sont prolongés pour une autre période de deux (2) ans à compter de la date de la décision administrative ou judiciaire finale.</p> <p>Le Chef de l'administration fiscale demande l'enregistrement d'un privilège ou de l'hypothèque qui prend effet au jour d'enregistrement. Il demande également la main levée d'un privilège et de l'hypothèque.</p>
--	---	---

<p><u>Akiciro ka 2: Kwihanangiriza umusoreshwa no gufatira umutungo we</u></p> <p><u>Ingingo ya 48: Kwihanangiriza umusoreshwa</u></p> <p>Iyo umusoro cyangwa amahoro, inyungu z'ubukerererwe, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'amafaranga yo kwishyura bitishyurwe mu gihe giteganywa n'iri teka, urwego rusoresha rwoherereza umusoreshwa urwandiko rumwihanangiriza.</p> <p>Urwandiko rugaragaza ingano y'umusoro cyangwa amahoro, inyungu z'ubukerererwe n'ibihano bigomba kwishyurwa n'icyo amategeko ateganywa niba bitishyurwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uherye ku muni umusoreshwa yakiriyeho urwandiko rumwihanangiriza.</p> <p>Icyakora, icyo gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) gishobora kutitabwaho iyo bigaragaye ko kwishyura umusoro cyangwa amahoro bibangamiwe.</p> <p><u>Ingingo ya 49: Kugera ku mafaranga umusoreshwa abikiwe cyangwa aberewemo n'abandi bantu</u></p> <p>Iyo umusoro cyangwa amahoro bitishyurwe mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'uko umusoreshwa abonye urwandiko rumwihanangiriza, urwego rusoresha rushobora gusaba umuntu ubereyemo umwenda umusoreshwa, banki cyangwa abandi bantu babikiye amafaranga umusoreshwa kwishyura urwego rusoresha amafaranga angana n'umwenda w'umusoro cyangwa amahoro uwo musoreshwa</p>	<p><u>Sub-section 2: Warning a taxpayer and seizure of his or her property</u></p> <p><u>Article 48: Warning a taxpayer</u></p> <p>If tax or fee, interests for late payment, administrative fines and recovery costs are not paid within the period provided for by this Order, the tax administration sends a warning letter to the taxpayer.</p> <p>The warning letter indicates the amount of tax or fee, interests for late payment and penalties to be paid and the requirements of the law if they are not paid within fifteen (15) days from the date of receipt of the warning letter.</p> <p>However, the period of fifteen (15) days may be disregarded if the tax or fee recovery is in jeopardy.</p> <p><u>Article 49: Access to money owed or held by third parties on behalf of the taxpayer</u></p> <p>If tax or fee is not paid within thirty (30) days after the taxpayer received a warning letter, the tax administration requires any debtors, bankers or other persons in a possession of a taxpayer's money to pay to the tax administration the amount due to the taxpayer against the taxpayer's tax or fees liability.</p>	<p><u>Sous-section 2: Avertir un contribuable et saisie de son patrimoine</u></p> <p><u>Article 48: Avertir un contribuable</u></p> <p>Lorsque l'impôt ou taxe, les intérêts de retard, les amendes administratives et les frais de recouvrement ne sont pas payés dans le délai prévu par le présent arrêté, l'administration fiscale adresse au contribuable une lettre d'avertissement.</p> <p>La lettre d'avertissement indique le montant de l'impôt ou taxe, les intérêts de retard et les pénalités à payer ainsi que les exigences légales lorsqu'ils ne sont pas payés endéans quinze (15) jours à compter de la réception de la lettre d'avertissement.</p> <p>Toutefois, le délai de quinze (15) jours peut être ignoré lorsque le recouvrement de l'impôt ou taxe est compromis.</p> <p><u>Article 49: Accès aux sommes dues ou détenues par des tiers pour le compte du contribuable</u></p> <p>Si l'impôt ou la taxe n'est pas payé endéans trente (30) jours après que le contribuable ait reçu la lettre d'avertissement, l'administration fiscale demande à tout débiteur, banquiers ou à d'autres personnes détenant l'argent pour le compte du contribuable de payer à l'administration fiscale le montant dû au contribuable en concurrence de l'impôt ou taxe du contribuable.</p>
---	---	--

<p>arimo.</p> <p>Iyo urwego rusoresha rugomba kwishyura umusoro cyangwa amahoro ku wundi muntu ubereyemo umwenda umusoreshwa, banki cyangwa undi muntu umubikiye amafaranga, rugomba kwandikira uwo muntu ibaruwa imenyeshya, umusoreshwa akagenerwa kopi.</p> <p>Ibaruwa imenyeshya yohererezwa umuntu ubereyemo umwenda umusoreshwa cyangwa umubikiye amafaranga igomba:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gusaba umubereyemo umwenda gutanga ibisobanuro byumvikana kuri uwo mwenda cyangwa ayo mafaranga y'umusoreshwa; 2° kugaragaza ko agomba kwishyura uwo mwenda cyangwa gutanga amafaranga angana n'umwenda w'umusoro cyangwa amahoro hakurikijwe amasezerano yagiranye n'umusoreshwa; 3° kuba iherekejwe na kopi z'amabaruwa yose ndetse n'inyandiko z'imenyeshya zohererejwe umusoreshwa. <p>Mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi nyuma yo kubimenyeshya, ubereyemo umwenda umusoreshwa, banki cyangwa undi muntu ubikiye amafaranga umusoreshwa afite inshingano yo:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° kwemeza niba abereyemo umwenda umusoreshwa cyangwa amubikiye amafaranga; 	<p>When the tax administration is required to recover the tax or fee from a debtor of the taxpayer, bank or another person possessing the taxpayer's funds, it must send a notification letter to that person and give a copy to the taxpayer.</p> <p>The notification letter to be sent to the debtor or any person possessing the taxpayer's funds must:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° ask the debtor to give a clear overview of the debt owed or the taxpayer's funds; 2° indicate that he or she is required to pay the debt or give the funds against the tax or fee liability, under the terms and conditions of the contract with the taxpayer; 3° be accompanied by the copies of all letters or notification to the taxpayer. <p>Within fifteen (15) working days of receipt of the notice, the debtor, bank or any person in possession of taxpayer's funds has the obligation to:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° confirm whether he or she is indeed owing a debt to the taxpayer or keeps his or her funds; 	<p>Lorsque l'administration fiscale doit recouvrer l'impôt ou taxe d'un débiteur du contribuable, d'une banque ou d'une autre personne possédant les fonds du contribuable, elle doit adresser une lettre de notification à cette personne et donner une copie au contribuable.</p> <p>La lettre de notification adressée au débiteur ou autre personne possédant les fonds du contribuable doit:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° demander au débiteur de donner une description claire de la dette due ou aux fonds du contribuable; 2° indiquer qu'il doit payer cette dette ou donner des fonds en concurrence de l'impôt ou taxe, selon les termes et conditions du contrat avec le contribuable; 3° être accompagnée des copies de toutes les lettres ou notifications au contribuable. <p>Endéans quinze (15) jours ouvrables après réception de la notification, le débiteur, la banque ou toute personne détenant des fonds du contribuable a l'obligation de:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° confirmer s'il a effectivement une dette envers le contribuable ou détient ses fonds;
--	---	--

<p>2° guha urwego rusoresha ibisobanuro byanditse ku miterere y'uwo mwenda cyangwa umubare w'amafaranga abikiye umusoreshwa;</p> <p>3° kwishyura umwenda w'umusoro cyangwa amahoro bigomba kwishyurwa hakukirijwe amasezerano yagiranye n'umusoreshwa.</p> <p>Umuntu ubereyemo umwenda umusoreshwa cyangwa umubikiye amafaranga udakurikije ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, mu buryo bumwe n'umusoreshwa aba afitiye urwego rusoresha umwenda udashobora kurenga umwenda abereyemo umusoreshwa cyangwa amafaranga amubikiye kandi utarenze umwenda umusoreshwa afitiye urwego rusoresha.</p> <p>Iyo umuntu ubereyemo umwenda umusoreshwa cyangwa umubikiye amafaranga akurikije ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, ntaba akigomba umusoreshwa amafaranga angana n'ayo yishyuye urwego rusoresha.</p> <p><u>Ingingo ya 50: Gufatira umutungo w'umusoreshwa</u></p> <p>Iyo umusoreshwa atishyuye mu gihe kivugwa mu ngingo ya 49 y'iri teka, urwego rusoresha rushobora gufatira umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa w'umusoreshwa, uri mu maboko ye cyangwa y'undi muntu.</p>	<p>2° provide a written explanation to the tax administration of the nature of that debt or the amount kept for the taxpayer;</p> <p>3° to pay the debt against the tax or fee liability, under the terms and conditions of the contract with the taxpayer.</p> <p>If the debtor or any person in possession of taxpayer's funds fails to comply with the provisions of Paragraph 3 of this Article, he or she is liable to the tax administration for the amount due in a similar way as if he or she had the tax or fee liability of the taxpayer which cannot exceed the debt owed to the taxpayer or funds kept on behalf of the taxpayer and cannot exceed the tax liabilities of the taxpayer.</p> <p>If the debtor or any person in possession of taxpayer's funds complies with the provisions of Paragraph 3 of this Article, he or she is no longer liable to the taxpayer for the amount paid to the tax administration.</p> <p><u>Article 50: Seizure of the property of a taxpayer</u></p> <p>If the taxpayer does not pay within the period referred to in Article 49 of this Order, the tax administration may seize any movable or immovable property of the taxpayer, held by the taxpayer or any other person.</p>	<p>2° fournir à l'administration fiscale une explication écrite sur la nature de cette dette ou le montant des fonds détenus pour le contribuable;</p> <p>3° payer la dette en concurrence de l'impôt ou taxe dus, selon les termes du contrat avec le contribuable.</p> <p>Lorsque le débiteur ou toute personne détenant des fonds du contribuable ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa 3 du présent article, il est redevable à l'administration fiscale du montant dû, de la même manière que s'il avait une obligation fiscale du contribuable qui ne peut pas dépasser la dette due au contribuable ou les fonds détenus pour le compte du contribuable et ne peut pas dépasser les obligations fiscales du contribuable.</p> <p>Lorsque le débiteur ou toute autre personne détenant des fonds du contribuable se conforme aux dispositions de l'alinéa 3 du présent article, il n'est plus redevable au contribuable du montant payé à l'administration fiscale.</p> <p><u>Article 50: Saisie du patrimoine du contribuable</u></p> <p>Lorsque le contribuable ne paie pas endéans le délai prévu par l'article 49 du présent arrêté, l'administration fiscale peut saisir tout bien meuble ou immeuble du contribuable, détenu par le contribuable ou une autre personne.</p>
--	---	--

<p><u>Akiciro ka 3: Guteza cyamunara umutungo w'umusoreshwa</u></p> <p><u>Ingingo ya 51: Gutangaza icyamunara</u></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 47 n'ya 50 z'iri teka, urwego rusoresha, rugamije kurangiza inyandiko igena umusoro cyangwa amahoro, rushobora gutangira inzira zo guteza icyamunara umutungo wafatiriwe hadashingiwe ku cyemezo cy'urukiko.</p> <p>Umutungo wanditswe mu buryo buteganywa n'igika cya mbere cy'ingingo ya 47 y'iri teka ntushobora gutezwa cyamunara n'urwego rusoresha bidatangiwe uburenganzira n'Umwanditsi Mukuru.</p> <p>Nyuma yo kugenzura ko imihango yose y'ifatira yubahirijwe, umuhesha w'inkiko agena itariki n'aho icyamunara kizabera n'aho amatangazo y'icyo cyamunara agomba kumanikwa.</p> <p>Icyamunara gitangazwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo kibe, mu kinyamakuru kimwe cya Leta, byaba ngombwa kigatangazwa mu kindi kinyamakuru cyigenga gisomwa na benshi, kuri radiyo cyangwa televiziyo cyangwa hakoreshejwe ubundi buryo bwose bwatuma icyamunara kirushaho kumenyekanishwa.</p> <p>Umuhesha w'inkiko amanika amatangazo y'icyamunara mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira ifatira. Itangazo ry'icyamunara rigomba kwandikwa mu nyuguti nini.</p>	<p><u>Sub-section 3: Auctioning of property of a taxpayer</u></p> <p><u>Article 51: Publication of auction</u></p> <p>Subject to provisions of Article 47 and 50 of this Order, the tax administration may, for purposes of executing the tax assessment notice of tax or fees, start the public auction procedure on seized property without reference to the court order.</p> <p>The property registered in accordance with Paragraph One of Article 47 of this Order cannot be auctioned by the tax administration without authorisation by the Registrar General.</p> <p>After verification that all the formalities for seizure have been met, the court bailiff fixes the date and where the public auction will take place and where advertisements must be displayed.</p> <p>The auction is published at least fifteen (15) days before the auction is conducted, in one public newspaper and, in case of need, in another independent widely read newspaper, through the radio or television or by any other means that can make the auction more public.</p> <p>The court bailiff displays advertisements of public auction, within fifteen (15) days after seizure. The advertisement for auction must be written in large-print.</p>	<p><u>Sous-section 3: Vente aux enchères des biens du contribuable</u></p> <p><u>Article 51: Publication de la vente aux enchères</u></p> <p>Sous réserves des dispositions des articles 47 et 50 du présent arrêté, pour exécuter la note d'imposition, l'administration fiscale peut commencer la procédure de vente aux enchères publiques des biens saisis sans recours à l'ordonnance de la juridiction.</p> <p>Le bien enregistré conformément aux dispositions de l'alinéa premier de l'article 47 du présent arrêté ne peut être vendu aux enchères par l'administration fiscale sans autorisation du Registraire Général.</p> <p>Après avoir vérifié que les formalités prévues pour la saisie ont été accomplies, l'huissier de justice fixe le lieu et la date de la vente aux enchères ainsi que les localités où les communiqués doivent être affichés.</p> <p>La vente aux enchères est publiée au moins quinze (15) jours avant la vente aux enchères, dans un journal de la presse publique et, en cas de besoin, dans un autre journal privé à grande diffusion, à la radio ou à la télévision ou par tout autre moyen pouvant rendre plus public la vente aux enchères.</p> <p>L'huissier de justice affiche les communiqués de la vente aux enchères endéans quinze (15) jours suivant la saisie. Le communiqué de la vente aux enchères doit être écrit en gros caractères.</p>
---	--	---

<p>Ku bidateganyijwe muri iri teka byerekeranye n'imigendekere y'icyamunara, hakurikizwa amategeko asanzwe agenga icyamunara.</p> <p><u>Ingingo ya 52: Uburenganzira bw'umusoreshwa mu gihe cy'itangazwa ry'icyamunara</u></p> <p>Umusoreshwa utishimiye imigendekere y'itangazwa ry'icyamunara ashobora kuregera urukiko rw'aho icyamunara kigomba kubera.</p> <p>Gutanga ikirego mu rukiko bihagarika icyamunara kugeza igihe icyemezo cy'urukiko kibereye ndakuka.</p> <p><u>UMUTWE WA VII: IMIKORANIRE HAGATI Y'URWEGO RUSORESHA N'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE</u></p> <p><u>Ingingo ya 53: Inshingano zihuriweho mu kwakira imisoro n'amahoro</u></p> <p>Urwego rusoresha hamwe n'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione bihana amakuru agaragaza imigendekere y'ibikorwa kandi buri rwego rugasobanuzwa urundi mu gihe ari ngombwa.</p> <p>Buri gihembwe impande zombi zikorera hamwe igenzura rigamije kwishyura ibirarane by'imisoro n'amahoro.</p>	<p>For what is not provided for by this Order in relation to the procedure of the public auction, the laws in force on public auction apply.</p> <p><u>Artic 52: Rights of a taxpayer during the publication of public auction</u></p> <p>A taxpayer who is not satisfied with the procedure of publication of public auction can lodge an appeal before the court of the place where the public auction is to be conducted.</p> <p>The filing of the claim before the court suspends the procedure of auction until the court decision becomes definitive.</p> <p><u>CHAPTER VII: COLLABORATION BETWEEN THE TAX ADMINISTRATION AND DECENTRALISED ENTITIES</u></p> <p><u>Article 53: Common obligations aiming at collecting taxes and fees</u></p> <p>The tax administration and the decentralised entity keep each other informed on the progress of the activities and consult each other as the need arises.</p> <p>On quarterly basis, both parties conduct a joint inspection to recover arrears of taxes and fees;</p>	<p>Pour ce qui n'est pas prévu par les dispositions du présent arrêté en rapport avec la procédure de la vente aux enchères publiques, la législation en vigueur sur la vente aux enchères s'applique.</p> <p><u>Article 52: Droits d'un contribuable lors de la publication de la vente aux enchères publiques</u></p> <p>Le contribuable qui n'est pas satisfait de la procédure de publication de la vente aux enchères publiques, peut faire recours devant la juridiction du lieu de la vente aux enchères publiques.</p> <p>La saisine de la juridiction suspend la procédure de la vente aux enchères publiques jusqu'à ce que la décision de la juridiction soit définitive.</p> <p><u>CHAPITRE VII: COLLABORATION ENTRE L'ADMINISTRATION FISCALE ET LES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES</u></p> <p><u>Article 53: Obligations communes visant à percevoir des impôts et taxes</u></p> <p>L'administration fiscale et l'entité décentralisée se tiennent informées de l'avancement des activités et se consultent en cas de besoin.</p> <p>Les deux parties procèdent trimestriellement à une inspection conjointe afin de recouvrer les arriérés des impôts et taxes.</p>
--	--	--

<p>Buri mwaka w'igihe cy'isoresha, impande zombi zemeranya umubare w'imisoro n'amahoro bigomba kwakirwa.</p> <p><u>Ingingo ya 54: Inshingano zo koroshya serivisi yo kwakira imisoro n'amahoro</u></p> <p>Urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione rukora ibishoboka byose ngo rworohereze urwego rusoresha mu gikorwa cyo kwakira imisoro n'amahoro.</p> <p><u>Ingingo ya 55: Imicungire y'imisoro n'amahoro byakiriwe</u></p> <p>Amafaranga y'imisoro n'amahoro yakiriwe ahita ashirwa kuri konti ihuriweho n'urwego rusoresha n'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione. Amafaranga yose yakiriwe yoherezwa kabiri mu kwezi (itariki ya 5 na 20 za buri kwezi) nta kiguzi kuri konti y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione iri muri Banki Nkuru y'u Rwanda.</p> <p>Iyo habayeho kwishyura arenze ayagombaga kwishurwa cyangwa se kudahura kw'imibare y'imisoro n'amahoro cyangwa andi mafaranga yakiriwe, urwego rusoresha rusaba banki guhita ibikosora.</p> <p><u>Ingingo ya 56: Raporo ku iyakira ry'imisoro n'amahoro n'iyoherezwa ryayo</u></p> <p>Urwego rusoresha, buri kwezi rwoherereza urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione raporo irambuye igaragaza buri bwoko</p>	<p>Both parties agree for every tax period the target of taxes and fees.</p> <p><u>Article 54: Obligation to facilitate the service of collection of taxes and fees</u></p> <p>The decentralised entity does the best in facilitating the tax administration to perform the service of collecting taxes and fees.</p> <p><u>Article 55: Management of taxes and fees collected</u></p> <p>All taxes and fees collected are deposited on a joint account of the tax administration and the decentralised entity as soon as they received. All these revenues are transferred twice a month (5th and 20th of every month) to decentralised entity accounts in National Bank of Rwanda without any charges.</p> <p>In case of over payment or miss posting of taxes and fees or other revenues collected, the tax administration instructs the bank to rectify the error immediately.</p> <p><u>Article 56: Report on collection of taxes and fees and its transfer</u></p> <p>The tax administration submits monthly to the decentralised entity the detailed report identifying each type of taxes and fees collected, revenues transferred and reconciliation reports.</p>	<p>Pour chaque exercice fiscal, les deux parties se conviennent sur les impôts et taxes à collecter.</p> <p><u>Article 54: Obligation de faciliter le service de collecte des impôts et taxes</u></p> <p>L'entité décentralisée s'efforce d'aider l'administration fiscale à percevoir les impôts et taxes.</p> <p><u>Article 55: Gestion des impôts et taxes collectés</u></p> <p>Tous les impôts et taxes perçus sont déposés sur le compte joint de l'Administration fiscale et de l'entité décentralisée dès leur réception. Tous ces revenus sont transférés sans frais deux fois par mois (les 5 et 20 de chaque mois) sur des comptes de l'entité décentralisée à la Banque Nationale du Rwanda.</p> <p>En cas de sur paiement ou d'erreur de comptabiliser des impôts et taxes ou d'autres revenus perçus, l'administration fiscale demande à la banque de corriger immédiatement l'erreur.</p> <p><u>Article 56: Rapport sur la perception des impôts et taxes et son transfert</u></p> <p>L'administration fiscale soumet mensuellement à l'entité décentralisée le rapport détaillé identifiant par type d'impôts et taxes collectés, des revenus transférés et les rapports de rapprochement.</p>
--	---	--

<p>bw'imisoro n'amahoro byakiriwe, amafaranga yoherejwe hamwe na raporo zihuza imibare.</p> <p>Urwego rusoresha rwohereza izo raporo mu gihe cy'iminsi icumi (10) ikurikira ukwezi iyakira ryabereyemo.</p> <p>Urwego rusoresha rwoherereza urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage raporo y'umwaka y'amafaranga yakiriwe ya buri bwoko bw'imisoro n'amahoro byakiriwe, bitarenze itariki ya 25 Nyakanga buri mwaka.</p> <p><u>UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 57: Uburyo bwo kwishyura ibirarane by'umusoro cyangwa by'amahoro</u></p> <p>Iyo umusoresha afite ibirarane by'umusoro cyangwa by'amahoro agomba kwishyura kandi adashoboye kwishyura umwenda wose, ubwishyuru atanze bukoreshwa mu kwishyura umwenda w'umusoro cyangwa w'amahoro mu buryo bukurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° umusoro cyangwa amahoro fatizo; 2° ihazabu; 3° inyungu z'ubukererwe. <p><u>Ingingo ya 58: Inshingano yo kugira ibanga</u></p> <p>Umuntu ufite ububasha cyangwa ukora mu rwego rusoresha abujijwe gutangariza uwo ari we wese</p>	<p>The tax administration submits those reports within ten (10) days following the month in which the collection occurred.</p> <p>The tax administration submits to the decentralised entity the annual revenue collection report by type of tax and fee, not later than July 25th each year.</p> <p><u>CHAPTER VIII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 57: Modalities for payment of tax or fees arrears</u></p> <p>When the taxpayer has tax or fees arrears and is not able to pay the total liabilities, the payment he or she makes is used to pay tax or fees arrears in the following order:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° principal tax or fee; 2° fines; 3° interests for late payment. <p><u>Article 58: Obligation to confidentiality</u></p> <p>A competent person or who is employed in the tax administration is prohibited from disclosing any</p>	<p>L'administration fiscale soumet ces rapports endéans dix (10) jours suivant le mois dans lequel la collecte a été effectuée.</p> <p>L'administration fiscale soumet à l'entité décentralisée le rapport annuel de la collecte des revenus par type d'impôts et de taxes, au plus tard le 25 juillet de chaque année.</p> <p><u>CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></p> <p><u>Article 57: Modalités de paiement des arriérés d'impôt ou taxes</u></p> <p>Lorsque le contribuable a des arriérés d'impôt ou taxes et n'est pas en mesure de payer la totalité de la dette, le paiement qu'il effectue sert à payer des arriérés d'impôt ou taxes dans l'ordre suivant:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° impôt ou taxe principal; 2° amendes; 3° intérêts de retard. <p><u>Article 58: Obligation de confidentialité</u></p> <p>Il est interdit à une personne compétente ou un employé de l'administration fiscale de révéler à quiconque toute information en rapport avec les</p>
--	---	---

<p>amakuru arebana n'imisoro, amahoro cyangwa imikoreshereze y'umutungo by'umusoreshwa.</p> <p>Icyakora, nta nshingano yo kugira ibanga ibaho icyakora, nta nshingano yo kugira ibanga ibaho iyo:</p> <p>1° umukozi wemewe atanze amakuru yamenye mu gihe cy'isoresha akayaha urwego rusoresha cyangwa abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko kugira ngo bayifashishe mu bibazo by'imisoro cyangwa by'amahoro cyangwa mu gukurikirana icyaha kirebana n'imisoro cyangwa amahoro;</p> <p>2° Minititiri ufite imisoro mu nshingano ze yakiriye akanakoresha amakuru yavuye mu isoresha, mu gukusanya imibare cyangwa kuyisesengura ku buryo nta basoreshwa bavugwa;</p> <p>3° umusoreshwa ahaye abandi bagira uruhare mu isoresha uburenganzira bwo kutagira ibanga.</p> <p>Uburenganzira buvugwa mu gace ka 3° k'igika cya 2 cy'iyi ngingo bugomba kuba bwanditse kandi bushobora kugarukira ku makuru runaka, ku mpamvu yihariye cyangwa ku muntu runaka.</p>	<p>information about the tax, fees or use of the property of a taxpayer.</p> <p>However, there is no obligation of confidentiality if:</p> <p>1° the authorised officer provides information obtained in the course of a tax proceeding to the tax administration or law enforcement officers for use in tax or fees matters or in criminal prosecution for a tax or fees related offence;</p> <p>2° the Minister in charge taxes receives and uses, for statistical or analytical purposes, the information collected in the tax proceeding in a form that does not reveal the identity of taxpayers;</p> <p>3° the taxpayer releases other participants in a tax proceeding from the obligation of confidentiality.</p> <p>The authorisation referred to in point 3° of Paragraph 2 of this Article must be in writing and may be limited to specific information, a specific purpose or to a specific person.</p>	<p>impôts, taxes ou l'utilisation du patrimoine d'un contribuable.</p> <p>Toutefois, il n'existe pas d'obligation de confidentialité si:</p> <p>1° l'agent autorisé fournit des informations obtenues au cours de la procédure fiscale à l'administration fiscale ou aux agents chargés du respect de la loi pour qu'ils s'en servent en matière d'impôts ou taxes ou dans la poursuite criminelle de l'infraction relative à l'impôt ou taxes;</p> <p>2° le Ministre ayant les impôts dans ses attributions reçoit et utilise, à des fins de statistique ou d'analyse, les informations recueillies au cours de la procédure fiscale sous une forme qui ne révèle pas l'identité des contribuables;</p> <p>3° le contribuable dispense d'autres participants à une procédure fiscale de leur obligation de confidentialité.</p> <p>L'autorisation visée au point 3° de l'alinéa 2 du présent article doit être faite par écrit et peut être limitée à des informations spécifiques, à un objectif spécifique ou à une personne spécifique.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 59: Ibidateganyijwe n'iri teka</u></p> <p>Ku bidateganywa n'iri teka, hakurikizwa ingingo z'itegeko rigena uburyo bw'isoresha.</p> <p><u>Ingingo ya 60: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri n° 005/12/10/TC ryo ku wa 22/06/2012 rigena uburyo bwo kubahiriza itegeko n° 59/2011 ryo ku wa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze kandi rigena imikoreshereze yawo n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 61: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 59: Matters not provided for by this Order</u></p> <p>For matters not provided for by this Order, provisions of the law on tax procedures apply.</p> <p><u>Article 60: Repealing provision</u></p> <p>Ministerial Order n° 005/12/10/TC of 22/06/2012 determining the modalities for the implementation of Law n° 59/2011 of 31/12/2011 establishing the source of revenue and property of decentralised entities and governing their management and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 61: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 59: Matières non prévues par le présent arrêté</u></p> <p>Pour les matières non prévues par le présent arrêté, les dispositions de la loi portant procédures fiscales sont appliquées.</p> <p><u>Article 60: Disposition abrogatoire</u></p> <p>L'Arrêté Ministériel n° 005/12/10/TC du 22/06/2012 déterminant les modalités de mise en application de la Loi n° 59/2011 du 31/12/2011 portant source de revenus et du patrimoine des entités décentralisées et régissant leur utilisation et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><u>Article 61: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, ku wa 16/07/2019</p>	<p>Kigali, on 16/07/2019</p>	<p>Kigali, le 16/07/2019</p>

<p>(sé) Dr NDAGIJIMANA Uzziel Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi</p>	<p>(sé) Dr NDAGIJIMANA Uzziel Minister of Finance and Economic Planning</p>	<p>(sé) Dr NDAGIJIMANA Uzziel Ministre des Finances et de la Planification Économique</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé) BUSINGYE Johnston Minisitiri w’Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé) BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé) BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux</p>